REPUBULIKA Y'U RWANDA

IBIRO BYA MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO MINISITIRI W'INTEBE, ANASTASE MUREKEZI,

MU MUHANGO WO KWIZIHIZA UMUNSI MUKURU MPUZAMAHANGA W'UMURIMO KU BAKOZI BA PRIMATURE

Primature, kuwa 05/05/2017

- **Nyakubahwa Minisitiri Ushinzwe Imirimo y'Inama y'Abaminisiri,**
- **Nyakubahwa DIRCAB/Primature,**
- **Nyakubahwa PS/MINICAAF,**
- **Bayobozi Bakuru Ba RURA na GMO,**
- **Bavandimwe Bakozi ba Primature n'Ibigo biyishamikiyeho dusangiye Umurimo,**
- **Bagenzi bacu bo muri Kompanyi ya ENDESCO Ltd ikora isuku hano muri Primature,**

1. Nishimiye kwifatanya namwe, kuri uyu munsi twunvikanye ko ariwo Munsi w'Ubusabane muri Primature, mu rwego rwo Kwizihiza Umunsi Mukuru Mpuzamahanga w'Umurimo, uba buri mwaka, ku itariki yambere Gicurasi.

2. Kwizihiza uyu Munsi ni uburyo bwiza bwo kuzirikana uruhare rukomeye Umurimo ugira mu iterambere ryacu ubwacu, mu iterambere ry'imiryango yacu, no mu iterambere ry'Igihugu cyacu muri rusange.

3. Iyo tuzirikana uruhare rw'Umurimo, twishimira ibyiza tuba twaragezeho. Tunarebera hamwe kandi ibiba bitaragenze neza. Ibi bidufasha gufata ingamba zo kubikosora, bityo umusaruro ukarushaho kwiyongera.

4. Muri uyu mwaka mwakoze neza, mwakomeje kugira umutima wuje urukundo, twasangiye ibyago, kandi dusangira n'ibyishimo. Nicyo tubereyeho.

5. Ndashimira DirCab/Primature umaze kuduha incamake y'ibikorwa by'ingenzi Primature yagezeho kuva ku itariki ya 01/05/2016 ubwo twizihizaga Umunsi Mukuru Mpuzamahanga w'Umurimo hano muri Primature. Nk'uko yabitugaragarije, ibyakozwe ni byinshi. Byose kandi tubikesha ubwitange bwanyu, gukunda umurimo, gukunda Igihugu, ubuhanga, ubushishozi, ubunararibonye, no gukorera hamwe bibaranga.

6. Ndashimira by'umwihariko ibyavuye mu bushakashatsi bwagaragaje uko Abakozi bishimira umurimo bakorera hano muri Primature. Ibyo mwishimira natwe nk'Abayobozi banyu turabibashimira. Ibyo mwagaragaje ko bigomba kunozwa, tubijeje ko tugiye kubifatira ingamba zikwiye kugirango tubinoze.

7. Kwishima kwanyu nibyo byishimo byacu, iyo mwishimye mukora neza, iyo mukoze neza umusaruro uriyongera, iyo umusaruro ubaye mwinshi; iterambere ry'Igihugu cyacu rirushaho kwihuta. Gukora neza kandi vuba ni byo Igihugu kidusaba. By'umwihariko, ni byo Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda adushishikariza. Ntituzamutenguha.

8. Kwihuta kw'Iterambere mu Gihugu birasaba gushora imari no gutanga serivisi nziza. Turusheho rero twese gukomeza kwimakaza umuco wo gutanga serivisi nziza, kuko byo biroroshye. Turusheho kandi no kwifashisha ikoranabuhanga kuko ryihutisha imitangire ya serivise nziza. Urugero twumvise mu kanya ni Igazeti ya Leta isigaye igera ku Abaturage bifashishije serivise zitangwa n'Irembo. Ibi byatumye abantu bazaga hano muri Primature bunguka ighe, ndetse birengera n'amafaranga y'ingendo bajyaga batanga. Turabishima, nimukomereze aho, kandi ibiri mu Igazeti ya Leta nabyo byose bigendere ku ikoranabuhanga ryuzuye (full digitization) mu mashikiro yayo.

9. Muri iki gihe cy'umwaka dutangiye, tuzakomeze twese kugira ishyaka ryo gukora umurimo unoze. Tuzakomeze gukorera hamwe kandi mu bwizerane. Ibi biri mu by'ingenzi bizadufasha gukomeza gutera imbere, no kurinda ibyiza twagezeho nk'Abanyarwanda, tubikesha Imiyoborere Myiza iranga uRwanda.

10. Ibi birahura n'insanganyamatsiko u Rwanda rwahariye Umunsi Mpuzamahanga w'Umurimo muri uyu mwaka wa 2017, igira iti: "*Duteze imbere Umurimo, Dusigasira ibyagezweho Dukesha Imiyoborere Myiza, Isoko y'Iterambere rya buri wese*".

11. Ndagira ngo mpinire hano iri jambo, nshimira Abakozi bose ba Leta n'abo mu Bigo by'Abikorera, bakomeje kugaragaza ko ari Indashyikirwa ku murimo. By'umwihariko, nshimiye Abakozi babaye Indashyikirwa muri Primature, muri RURA no muri GMO muri uyu mwaka wa 2016/2017, ndetse n'Umukozi wahize abandi mu kubana neza n'abandi Bakozi bo muri Primature muri uyu mwaka. Ndashimira cyane n'Abakozi 10 bamaze imyaka irenga 10 bakora muri Primature, kandi bakaba buzuza neza inshingano zabo. *Cerficates* mwahawe ni ikimenyetso ko tubashima twese.

12. Nshimiye n'abantu bose bagize uruhare mu gutegura neza ibirori by'uyu munsi. Nshimiye kandi na bagenzi bacu bakora muri Kompanyi ya ENDESCO Ltd ikora isuku hano muri Primature, twifatanyije mu birori by'uyu Munsi. Mukora akazi kanyu neza, tugakorera ahantu hasukuye. Muri Abafatanyabikorwa beza.

13. Mbifurije mwese Abakozi ba Primature, gukomeza kunyurwa n'Ubusabane bwo Kwizihiza Umunsi Mukuru Mpuzamahanga w'Umurimo, hano muri Primature. Dukomeza Kunoza Umurimo, wo Soko y'Iterambere rirambye kuri buri wese.

Murakoze, mugire amahoro y'Imana.